No 208 Ugushyingo2017

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## ABAGIZE KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE ITUMANAHO BARI GUTEGURA INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU IKORESHWA RY'IKORANAB-



Hon. NKUSI Juvenal (Ibumoso) Umuyobozi w'iyi Komisiyo atangiza inama

*Kuri uyu wa kane, tariki ya 02 Ugushyingo 2017, abagize Komisiyo y'Ihuriro Ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo bateraniye mu cyumba cy' inama cy'Ihuriro mu nama yayo isanzwe baganira ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu Mitwe ya politiki.*

Umuyobozi w'iyi Komisiyo Hon. NKUSI Juvenal yibukije abayigize ko muri gahunda ihoraho yo kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, Ihuriro ritegurira abayoboke b'Imitwe ya Politiki amahugurwa anyuranye arimo no gukoresha ikoranabuhanga nk'uburyo bugezweho mu guhanahana amakuru, kumenyekanisha ingengabitekerezo ya politiki na Programme politiki yabo, gushaka abayoboke, gushaka inkunga n'ibindi.

Yibutsa kandi ko muri gahunda yo gukomeza kongerera Imitwe ya politiki ubushobozi ku ikoranabuhanga n'ikoreshwa ry'imbuga nkoranyambaga, Ihuriro ryateganyije mu Igenamigambi ryaryo ry'imyaka itanu (NFPO Strategic Plan 2016-2021) kuzategurira abayobozi bakuru mu Mitwe ya politiki amahugurwa ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga nk'uburyo bwakwifashishwa mu bikorwa by'Imitwe ya Politiki.

Asaba abagize Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo ko nk'uko biri muri gahunda yayo yo kuzakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'aya mahugurwa, batanga ibitekerezo byatuma azagenda neza.

Mu kungurana ibitekerezo bimeje ko mu nsanganyamatsiko z'ibiganiro byazatangirwa muri iyi nama habamo (1) Politiki n'ingamba ziriho zigenga ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu Rwanda; (2) Uruhare rw'ikoranabuhanga mu kwihutisha iterambere rusange ry'Igihugu; (3) Uko Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki bakwifashisha ikoranabuhanga mu bikorwa byabo bya buri munsi; (4) Ingorane zigaragara mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga n'uko Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bazirinda.



Abagize Komisiyo bungurana ibitekerezo

Kugira ngo aya mahugurwa azagende neza, abagize komisiyo basabye ko hazakoreshwa uburyo bw'ibiganiro, hagashakwa inyandiko zivuga kuri Politiki y'ikoranabuhanga n'ingamba ziriho mu Gihugu, hagatangwa ibiganiro n'inzego za Leta zifite Ikoranabuhanga mu nshingano zabo, hagatumizwa kandi Inzego z'umutekano na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nabo bakagira uruhare muri ibi biganiro.

Abagize Komisiyo kandi barebeye hamwe uko hategurwa inama yo ku rwego rwo hejuru ku nganzo y'ibitekerezo bya politiki bigenga demokarasi y'u Rwanda. Batanga umurongo w'uko yategurwa, n'uko inararibonye mu bya politiki n'amateka bakomeza gutumizwa mu biganiro byo kuyitegura kugira ngo koko izatange umusaruro utegerejwe.

## ABAGIZE KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE GUKEMURA AMAKIMBIRANE BARI GUTEGURA INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU GUKEMURA AMAKIMBIRANE



Hon. NYIRARUKUNDO Ignatienne (iburyo) Umuyobozi Wungirije wa Komisiyo

*Kuri uyu wa gatatu, tariki ya 01 Ugushyingo 2017, abagize Komisiyo y'Ihuriro Mbonezabupfura no Gukemura Amakimbirane bateraniye mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro mu nama yayo isanzwe baganira ku myiteguro y'inama nyunguranabitekerezo ku gukemura amakimbirane mu Mitwe ya politiki.*

Umuyobozi Wungirije w'iyi Komisiyo Hon. NYIRARUKUNDO Ignatienne yibukije abayigize ko muri gahunda y'ibikorwa byayo yagiye iteganya amahugurwa anyuranye nyongerabumenyi agenewe za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki kugira ngo zisobanukirwe inshingano zazo.

Hon. Ignatienne yibukije kandi ko hashingiwe kuri Gahunda y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 no kuri Gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane mu mwaka w'ingengo y'imari 2017-2018, harimo igikorwa cyo gutegura inama nyunguranabitekerezo y'abayobozi bakuru mu Mitwe ya Politiki ku gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki. Asaba abagize Komisiyo gutanga ibitekerezo by'uko iyi nama yazashyirwa mu bikorwa.

Mu kungurana ibitekerezo, abagize Komisiyo basanze iyi nama yazibanda ku (1) Gusesengurira hamwe ibitera amakimbiranye ya politiki, cyane cyane ibiyatera mu Mitwe ya Politiki; (2) Kwibukiranya ibyagiye bitera amakimbirane ya Politiki mu Rwanda; (3) Kuganira ku ngamba zashyizweho nyuma ya 1994 mu rwego rwo gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki; (4) Kwibukiranya indangagaciro zikwiye gukomeza kubakirwaho mu rwego rwo guteza imbere ubwumvikane no gusigasira ubumwe; (5) Kwibukiranya inshingano n'uruhare rwa za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya politiki no kunoza imikoranire yazo n'izindi nzego mu Mutwe wa Politiki; (6) Kurebera hamwe uburyo ibyasabwe na za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki mu mahugurwa anyuranye byashyirwa mu bikorwa.

Abagize Komisiyo basanze, kubera ko iyi nama nyunguranabitekerezo izahuza Abayobozi Bakuru mu Mitwe ya politiki ndetse hakaba hanatumirwamo n'abandi bagize za Komisiyo z'Ihuriro, hakenewe umwanya uhagije wo kungurana ibitekerezo bizajya bigaruka ku ngero zifatika zaba iza hano mu Rwanda, cyangwa izo hanze zafasha mu gutuma hafatwa ingamba zituma abanyapolitiki b'u Rwanda bakomeza gukora Politiki yubaka kandi basigasira ibyagezweho.

# IMITWE YA POLITIKI YASABWE GUKORESHA IKORANABUHANGA MU BIKORWA BYAYO BYA BURI MUNSI

*Kuri uyu wa gatanu tariki ya 24 Ugushyingo 2017, kuri Hotel Lemigo, mu Mujyi wa Kigali, habereye inama yateguwe n'Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yari igamije kongerera ubumenyi n'ubushobozi abayobozi mu Mitwe ya politiki ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga kugira ngo mu bikorwa n'imikorere y'Imitwe ya Politiki muri iki gihe bikomeze gutera imbere hakoreshejwe ikoranabuhanga nk'imwe mu nzira Igihugu cyacu cyahisemo mu kwihutisha iterambere.*



*Bwana Pie NIZEYIMANA (ibumoso), Umuvugizi w'Ihuriro atangiza inama*

Atangiza inama ku mugaragaro, Umuvugizi w'Ihuriro Bwana Pie NIZEYIMANA yavuze ko inama nk'iyi ari imwe muri gahunda zihoraho zo kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki, aho Ihuriro ritegurira abayoboke b'Imitwe ya Politiki amahugurwa n'inama nyunguranabitekerezo binyuranye, harimo ibijyanye na politiki n'imiyoborere, amateka ya politiki y'u Rwanda, uburere mboneragihugu, gukoresha Ikoranabuhanga n'ibindi. Avuga ko Ihuriro ryateguye iyi nama nyunguranabitekerezo kugira ngo Abayobozi b'Imitwe ya politiki baganire n'Inzego zishinzwe gutegura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zose zirebana n'ikoranabuhanga.

Yibukije ko, muri iki gihe Ikoranabuhanga rikoreshwa mu buzima bunyuranye bw'Igihugu cyacu haba mu miyoborere myiza, mu bukungu, mu mibereho myiza y'abaturage, mu buvuzi, mu burezi, mu kubungabunga umutekano n'ubusugire bw'Igihugu, n'ibindi. Ati ''Birakwiye ko natwe abayobozi mu Mitwe ya politiki tumenya ko hariho politiki, ingamba na gahunda Igihugu cyashyizeho kugira ngo tuzisobanurire abayoboke bacu n'abandi banyarwanda muri rusange. Ariko cyane cyane tubyaze umusaruro iryo koranabuhanga nk'amahirwe Igihugu cyaduhaye yo kwiteza imbere no kunoza imiyoborere myiza''.

Abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo kuri Politiki n'ingamba biriho bigenga ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu Rwanda; Uruhare rw'ikoranabuhanga mu kwihutisha iterambere rusange ry'Igihugu; Uko Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki bakwifashisha ikoranabuhanga mu bikorwa bya politiki (birimo kwiyamamaza mu gihe cy'amatora ya politiki); barebera hamwe kandi inzitizi n'ingaruka zigaragara mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga n'uko Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bazirinda, kugira ngo hatazagira utandukira.

Umujyanama wa Minisitiri w'Ikoranabuhanga n'Itumanaho Bwana Emmanuel HABUMUREMYI mu kiganiro cye cyibanze kuri politiki n'ingamba bigenga ikoranabuhanga mu Rwanda, yagaragaje imbibi z'urwego rw'Ikoranabuhanga mu Itumanaho, politiki y'ikoranabuhanga mu itumanaho, anagaragaza bimwe mu byagezweho. Yibukije abanyapolitiki ko ICT yabaye urubuga rw'ubwisanzure busesuye mu gutanga ibitekerezo, mu gushyikirana n'abayoboke babo no kumenyekanisha gahunda zabo ku bayoboke babo n'Abanyarwanda muri rusange, abasaba bo bagombye gukomeza kurikoresha mu byubaka.



Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nawe watanze ikiganiro muri iyi nama, yabwiye abanyapolitiki bayitabiriye ko muri Komisiyo ayoboye hakoreshwa cyane Ikoranabuhanga mu Itumanaho, isakazabumenyi n'ihererekanyamakuru, hagamijwe koroshya no kongera umusaruro no kugabanya ikiguzi cy'ibikorwa by'amatora n'ikurikiranwa ryabyo. Yabagaragarije igihe Komisiyo ikenera cyane gukoresha ikoranabuhanga, icyo barikoresha, ibyiza byaryo mu gutuma bagera ku ntego zabo n'imbogamizi ziterwa n'ikoreshwa ryayo.

Yasabye Abanyapolitiki kurikoresha neza mu bihe by'imyiteguro y'amatora, mu gihe cyo kwiyamamaza na nyuma y'amatora. Ariko ababwira ko muri iki gihe ikoranabuhanga ryabaye kimwe mu bikenerwa mu buzima bwa buri munsi, ko bagomba kurikoresha no mu buzima bw'Imitwe ya politiki bayobora mu rwego rwo kuyiteza imbere no kugira abayoboke.

Abandi batanze ibiganiro yaba uwari uhagarariye Ikigo Rwanda Information Society Authority (RISA) wavuze k'Uruhare rw'ikoranabuhanga mu kwihutisha iterambere rusange ry'Igihugu (ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere myiza), yaba uwari uhagarariye Ikigo cy'Igihugu Ngenzuramikorere (RURA), wavuze ku nzitizi zigaragara mu ikoreshwa ry'ikoranabuhanga n'uko Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bazivanamo, yaba n'icyatanzwe na Police y'Igihugu ku ngaruka zishobora guturuka ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga n'uko Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki bazirinda, bose bagarutse cyane ku kamaro k'ikoreshwa neza ryayo, bashishikariza abayobozi bari muri iyi nama kurikoresha no gutoza abayoboke babo kurikoresha neza, bakanarikoresha kandi no mu mirimo iteza imbere Imitwe ya politiki yabo.



***Abari mu nama***

Mu myanzuro yafatiwe muri iyi nama, Abahagarariye Imitwe ya Politiki biyemeje gukomeza kwitabira gukoresha ikoranabuhanga, kurishishikariza abayoboke babo no kuribyaza umusaruro, hashingiwe ku mahirwe Igihugu cyashyizeho mu guteza imbere ikoranabuhanga; kurikoresha mu bikorwa by'amatora; gukomeza gushishikariza abayoboke b'Imitwe ya Politiki n'abandi banyarwanda muri rusange kwirinda ibyaha ibyo ari byo byose bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga; ahubwo bakarikoresha mu kugaragaza isura nyayo y'Igihugu. Abahagarariye Imitwe ya Politiki kandi biyemeje gushishikariza abayoboke babo n'abandi banyarwanda muri rusange, kurinda urubyiruko rw'u Rwanda kugira ngo rutangizwa na bimwe mu bikorwa bibi bigaragara ku mbuga nkoranyambaga.

Asoza aya mahugurwa ku mugaragaro, Perezida wa Komisiyo y'Ihuriro Ishinzwe Itumanaho, Hon. NKUSI Juvenal, yashimye abayitabiriye, ashima Imitwe ya politiki yabagennye, anashima abatanze ibiganiro. Avuga ko adashidikanya ko iyi nama ari ingirakamaro ku Mitwe ya politiki kuko abayitabiriye biboneye intera u Rwanda rugezeho mu kubaka ibikorwaremezo bishingiye ku ikoranabuhanga; bakaba kandi bamenye birambuye akamaro ko gukoresha neza ikoranabuhanga rigezweho mu buzima butandukanye bw'Igihugu n'akamaro kabyo mu iterambere rusange ry'abaturage. Yabasabye ko ibyo baboneye muri iyi nama byababera impamba mu guteza imbere Imitwe ya politiki yabo hakoreshwa ikoranabuhanga.